REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2017

10 Nyakanga 2017

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2017

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2017. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,8% mu kwezi gushize kwa Kamena 2017 ugereranyije na Kamena 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 6,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 4,8% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 9,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 4,6%.

Iyo ugereranyije Kamena 2017 na Kamena 2016, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 4,0%.

Wagereranya ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) ibiciro byagabanutseho 0.8%. Iri gabanuka rikaba ryaratewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,0%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2017 ibiciro mu byaro byiyongereyeho 11,8% ugereranyije na Kamena 2016. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) ryari ku kigereranyo kingana na 14,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 11,8% mu kwezi kwa Kamena ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 15,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 52,0%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) ibiciro byagabanutseho 1,2%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,7%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Kamena 2017 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 9,4% ugereranyije na Kamena 2016. Twakwibutsa ko ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) byiyongereyeho 11,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 9,4% mu kwezi kwa gatandatu 2017 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,4%, ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 8,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'uburezi byazamutseho 23,6%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa gatandatu (Kamena 2017) n'ukwezi kwa gatanu (Gicurasi 2017) ibiciro byagabanutseho 1,0%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'igabanuka ry' ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 3,2%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2016 kugeza muri Kamena 2017.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2016 kugeza muri Kamena 2017**

*ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije*

| | 2016 | | | | | | | 2017 | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 5,5 | 6,9 | 6,4 | 5,8 | 7,4 | 6,4 | 7,3 | 7,4 | 8,1 | 7,7 | 7,3 | 6,5 | 4,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 6,7 | 8,3 | 8,1 | 8,3 | 10,0 | 10,6 | 13,0 | 14,5 | 16,2 | 15,7 | 15,9 | 14,5 | 11,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 6,3 | 7,8 | 7,5 | 7,4 | 9,1 | 9,1 | 11,0 | 12,0 | 13,4 | 13,0 | 12,9 | 11,7 | 9,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,9 | 1,1 | 0,5 | 0,5 | 1,4 | 0,1 | 0,3 | -0,4 | 1,1 | 0,6 | 0,4 | -0,2 | 0,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,1 | 1,4 | 1,9 | 2,3 | 4,0 | 0,7 | -0,5 | -0,3 | 2,3 | 1,5 | 0,7 | -1,4 | -1,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,0 | 1,3 | 1,4 | 1,7 | 3,1 | 0,5 | -0,2 | -0,3 | 1,9 | 1,2 | 0,6 | -1,0 | -1,0 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

National Institute of Statistics of Rwanda (NISR),
P.O. BOX 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Publication Directors:
MURANGWA Yusuf, Director General, NISR; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,
MURENZI Ivan, Deputy Director General; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MANZI Sébastien, Director of Economic Statistics Department, NISR;
sebastien.manzi@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Price Statistics Research Statistician Team Leader, NISR;
lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw